# Coopérative d'Actions pour le Développement de l'Artisanat au Rwanda

## "ADARWA COOPERATIVE"

**ITANGAZO RYO GUPIGANIRA ISOKO RYO GUKODESHA PARIKINGI KU RUBUGA NO KUNYUBAKO BYA ADARWA COOPERATIVE.**

**ADARWA COOPERATIVE** (Coopérative d'action pour le Développement de l'Artisanat au Rwanda) ni koperative igamije guteza imbere imirimo y'ubukorikori bw'ububaji mu Rwanda. Ikaba ifite icyicaro mu Kagali ka Musezero, Umurenge wa Gisozi, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali.

**ADARWA COOPERATIVE irahamagarira ba Rwiyemezamirimo gupiganira Isoko ryo gukodesha parking yo ku nyubako(ADARWA BUILDING) no ku rubuga muri ADARWA COOPERATIVE.**

Igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa kiboneka mu biro by'ubunyamabanga bwa ADARWA COOPERATIVE uhereye ku itariki iri tangazo ryasohokeye mu binyamakuru. Icyo gitabo ugihabwa umaze kwishyura amafaranga y'U Rwanda ibihumbi icumi (**10. 000 Frw**) adasubizwa kuri konti **N° 593412510810136** ya **ADARWA COOPERATIVE** iri muri Banki y'abaturage (BPR Atlas Mara).

Umunsi wo gusura aho iyo Parking iherereye ni ku wa mbere ku itariki ya **13/08/2026** ku cyicaro cya ADARWA COOPERATIVE guhera saa sita zuzuye kugera saa munani (**12H00-14H00**).

Ibitabo by'ipiganwa bigomba kuba byanditse neza ari ibitabo bitatu (3), kimwe ari umwimerere ibindi ari kopi.

ADARWA COOPERATIVE ikaba isaba ba Rwiyemezamirimo na Company kuzaza bitwaje ibiciro by'ubukode bwa Parking (Financial proposal) n'uburyo buboneye buzakoreshwa na Rwiyemezamirimo mu kuyitaho (Technical proposal), bakabishyikiriza abagize akanama k'amasoko muri ADARWA Cooperative ku itariki ya **20 /08/2026** saa yine (**10h00**).

Gufungura ibiciro byatanzwe ni kuri uwo munsi saa **10h10'** mu cyumba cy'inama cya ADARWA Cooperative.

Bikorewe ku Gisozi, kuwa 05/08/2026.

**UWIMANA Venantie**

**PEREZIDA WA ADARWA COOPERATIVE**

P.O. Box 4821 Kigali – Rwanda | **Phone**: +250786453346 | **Location**: Gisozi - Gasabo, KG 33 Ave |

**TIN No.**: 101401857 | **E-mail**: adarwacoopera@gmail.com